# REPUBULIKA Y'U RWANDA

# AMASEZERANO Y'IMIKORANIRE HAGATI YA MINISITERI Y'UBUTABERA N'URUGAGA RW'ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA

**AMASEZERANO Y'IMIKORANIRE HAGATI YA MINISITERI Y'UBUTABERA N'URUGAGA RW'ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA**

Tumaze kubona ko Minisiteri y'Ubutabera n'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga (APCB) bifite inshingano zitandukanye ziri mu rwego rw'ubutabera kandi byuzuzanya;

Tumaze kubona kandi ko ari ngombwa kugira imikoranire ya hafi hagati y'inzego zombi kugira ngo izo nshingano zubahirizwe neza ku nyungu z'ubutabera kuri bose;

Hashingiwe ku kuba imikoranire myiza y'inzego zombi ifite akamaro kanini mu kwimakaza ubutabera ishingiye ku gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inkiko no gushimangira uburenganzira bwa muntu nk'uko biri mu cyerekezo cya politiki y'igihugu;

Minisiteri y'Ubutabera n'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga bagiranye amasezerano y'ubufatanye mu kurangiza imanza akurikira:

**Ingingo ya 1: Icyo aya masezerano agamije**

Aya masezerano agamije kunoza imikoranire y'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga n'Inzego za Leta zikeneye kurangirizwa imanza zatsinze.

**Ingingo ya 2: Ibirebwa n'aya masezerano (areas of cooperation)**

Aya masezerano agaragaza kandi akagena imikoranire mu byerekeranye n'ibikorwa byo kurangiza imanza Inzego za Leta ziba zatsinze abantu ku giti cyabo cyangwa ibigo byigenga ku buryo bukurikira:

a) Ibigomba kugenderwaho mu masezerano Abahesha cyangwa Umuhesha w'Inkiko w'Umwuga bagirana n'Ibigo cyangwa inzego za Leta agamije kurangiza imanza nyishi urwego cyangwa ikigo cya Leta cyatsinze.



CORPS DES HUISSIERS DE JUSTICE PROFESSIONNELS KIGALI - RWANDA

b) Ibyerekeranye no kwishyura Umuhesha w'Umwuga ukorera Ikigo cyangwa Urwego rwa Leta Umurimo wo kurangiza imanza;
c) Iyindi mirimo ijyanye no kurangiza imanza yagaragara ko ari ngombwa byemejwe n'impande zombi.

**Ingingo ya 3: Inshingano za Minisiteri y'Ubutabera**

- Kugenzura ko imanza ibigo n'inzego bya Leta zatsinze zirangizwa kandi ku gihe gikwiye.
- Kumenyesha Ibigo n'Inzego bya Leta ibikorwa n'inshingano z'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga
- Kugenzura ko Abahesha b'Inkiko b'Umwuga babona amasoko yo kurangiza imanza mu bigo bya Leta binyuze mu mucyo kandi nta numwe uhejwe.
- Gukangurira ibigo n'inzego bya Leta gukorana n'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga mu kurangiza imanza byatsinze.
- Gushyikiriza inzego n'ibigo bya Leta urutonde rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga bazajya batoranyamo abo bagirana amasezerano yo kurangiza imanza.

**Ingingo ya 4: Inshingano z'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga**

Mu rwego rw'imikoranire myiza mu kurangiza imanza ibigo cyangwa inzego za Leta byatsinze Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga rufite inshingano zikurikira:

- Kugeza kuri Minisiteri Urutonde rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga bagirana amasezerano n'Ibigo n'inzego bya Leta bitandukanye bikeneye kurangirizwa imanza

- Kugaragaza buri gihe Abahesha b'Inkiko b'Umwuga bafatiwe ibihano bitandukanye bituma badashobora gukora imirimo yo kurangiza imanza

- Gukurikirana ko Abahesha b'Inkiko b'Umwuga bagiranye amasezerano n'Inzego cyangwa Ibigo bya Leta barangiza imanza neza kandi kugihe.



CORPS DES HUISSIERS DE JUSTICE PROFESSIONNELS KIGALI - RWANDA

**Ingingo ya 5: Ibijyanye n'ibihembo byo kurangiza imanza**

Abahesha b'Inkiko b'Umwuga bazakorana amasezerano yo kurangiza imanza n'Ibigo cyangwa Inzego za Leta bazahembwa hakurikijwe ibiciro byagenwe n'Iteka rya Minisitiri N° 003/08.11 ryo ku wa 11/02/2014 rigena ibiciro fatizo by'imirimo y'abahesha b'inkiko b'umwuga.

Iyo habayeho kurangiza urubanza hakoreshejwe ingufu, Umuhesha w'Inkiko w'Umwuga warurangije azajya yishyurwa hakurikijwe ibiteganywa n'Ingingo 39 y'Itegeko n° 12/2013 ryo ku wa 22/03/2013 rigenga Imirimo y'Abahesha b'Inkiko.

**Ingingo ya 6: Inama nyungurana bitekerezo hagati y'impande zombi**

Impande zombi zemeye kujya zihura nibura incuro imwe mu gihe cy'amezi atandatu kugirango harebwa uko aya masezerano ashyirwa mu bikorwa.

**Ingingo ya 7: Gukemura impaka zaturuka kuri aya masezerano**

Impaka zose zishobora kuvuka zishingiye kutumvikana ku bikubiye muri aya masezerano zizakemuka binyuze mu biganiro n'ubwumwikane bw'impande zombi. Mu gihe ubwumvikane budashobotse kugerwaho uruhande urwo ari rwo rwose rushobora gusesa aya masezerano hakurikijwe ibiteganywa n'Ingingo ya 9.

**Ingingo ya 8: Guhindura ibikubiye mu masezerano**

Buri ruhande rushobora kugaragaza ibyo rwifuza ko byahinduka muri aya masezerano. Ibyo bikorwa mu nyandiko ishyikirizwa urundi ruhande muri aya masezerano. Uruhande rwasabwe ko hari ibyo rwakwemera ko bihinduka rugomba kuba rwasubije mu nyandiko uko rubibona rukanatanga umunsi rwifuza ko impande zombi zahura kugirango hafatwe icyemezo nyuma y'iminsi 15 rwakiriye inyandiko igaragaza ibyifuzo by'urundi ruhande.

**Ingingo ya 9: Uburyo bwo gusesa aya masezerano**

Aya masezerano agira agaciro iyo yubahirizwa n'impande zombi zayagiranye. Uruhande urwo ari rwo rwose rushobora gusesa aya masezerano rushingiye ku mpamvu z'uko

urundi rutubahiriza amasezerano uko bikwiye cyangwa rubyibwirije kubera izindi mpamvu. Uruhande rushaka gusesa aya masezerano rumenyesha urundi mu nyandiko kandi isesa ry'amasezerano rigira agaciro nyuma y'amezi 3 kuva igihe uruhande rwamenyeshejwe rwakiriye ibaruwa.

Ibikorwa byarimo gukorwa amasezerano aseswa impande zombi zumvikana uko bikomeza bikarangira.

**Ingingo ya 10: Ururimi rw'amasezerano**

Ayamasezerano akozwe kandi yumvikanyweho mu rurimi rw'ikinyarwanda akaba ari narwo rurimi ashobora gusobanurwamo.

**Ingingo ya 11: Agaciro k'aya masezerano mu mategeko**

Aya masezerano ashingiye ku kubushake n'ubwumvikane nta ruhande narumwe mu bayagiranye rushobora kuyakoresha kurega urundi mu Inkiko kereste ku bijyanye n'kumena ibanga.

**Ingingo ya 12: Amategeko agenga aya masezerano**

Aya masezerano agengwa n'amategeko y'u Rwanda kandi ibiyakubiyemo ntibigomba kunyuranya na yo.

**Ingingo ya 13: Ibanga rituruka ku kuzuza aya masezerano**

Buri ruhande rugomba kugaragaza amakuru ruhaye urundi afatwa nk'ibanga. Uruhande rwamenye amakuru afatwa nk'ibanga ntirushobora kuyatanga ku wo ari we wese rutabanje kubisabira uruhushya.

**Ingingo ya 14: Igihe amasezerano amara**

Aya masezerano nta gihe azamara afite, ariko ashobora guseswa byumvikanyweho n'impande zombi.



CORPS DES HUISSIERS DE JUSTICE PROFESSIONNELS KIGALI – RWANDA

Aya masezerano ashobora kandi guta agaciro igihe uruhande rumwe rutubahirije inshingano kandi hatagaragazwa impamvu yabiteye.

**Ingingo ya 15:Ikurikizwa ry'aya masezerano**

Aya masezerano agira agaciro agatangira gukurikizwa umunsi yashyiriweho umukono n'impande zombi.

Bikorwe i Kigali, ku wa 28../04./2015

KALIHANGABO Isabelle
Permanent Secretary
Solicitor General

| | |
|---|---|
| Kuruhande rwa: MINIJUST | APCB |
| **BUSINGYE Johnston** | **HABIMANA Vedaste** |
| **Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta** | **Perezida w'Urugaga** |

CORPS DES HUISSIERS DE JUSTICE PROFESSIONNELS
KIGALI - RWANDA